



Kamena 2022

Ikinyarwanda

Nta wagira urukundo ruruta

urw'umuntu uhara amagara ye

kubera incuti ze (Yoh 15,13)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

**Woye kuba wenyine, ahubwo hamwe
n'abandi!
Not alone - but together!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

inshuro nyinshi Yezu yagiye yibonera uburyo inshuti ze, buri wese yaronderaga akari ake. Buri wese yaharaniraga inyungu ze ibindi byose bakihutira kubishyira ku ruhande. Igihe abahishuriye ko azagabizwa abigishamategeko n'abasaseredoti bakuru, ndetse bakamwica, ntibigeze bareka bibakora ku mutima. Ahubwo mu nzira bajyaga impaka zo kumenya umukuru muri bo. Ubwo Yezu yasabaga umusore umwe gusiga byose yari atunze akabiha abakene, ntiyabyakiriye ahubwo yagiye ababaye kuko yari afite ubutunzi bwinshi kandi atashakaga gusangira n'abakene.

Yezu yashakaga kumvisha inshuti ze ko urufunguzo rw'ibanga ry'Ingoma y'Imana rutari mu gutunga byinshi no kubyigwizaho, ko ahubwo ari ukwitangira abandi ubigiriye urukundo. Ibi bashoboye kubimwigiraho. Yahaye igihe cye umugore yari asanze ku iriba rya Yakobo ndetse mu kiganiro bagiranye amukingurira ubuzima bushya. Yizeye umusirikare mukuru w'abaromani ndetse amukiriza umugaragu. Yababariye umugore wari wafashwe asambana. Ku bw'uko gutanga mu buryo bufatika, bigiranywe urukundo, hagiye havuka umubano hagati ye n'abantu batandukanye. Uyu mubano uzira amakemwa wabaye ahantu abo bantu bagiye bahurira n'urukundo Imana ibafitiye. Ibi nibyo byabaye ibanga Yezu yasigiye intumwa ze ubwo yari arangije ubuzima bwe hano ku isi: „Nimukundane nk'uko nanjye nabakunze!“ Ahari urukundo umwe ku wundi Yezu azaba ahari.

Tomáš aradutekereza: „Mfite inshuti na yo ifite indi nshuti mu gihugu cya Ukrene. Iteka aramuhamagara akagerageza kumuba hafi muri ibyo bihe bikomeye by'intambara arimo. Umunsi umwe yamwoherereje ubutumwa bugufi amubwira ko yavuze ishapure amusabira. Yamusubije agira ati: „Ndagushimiye ko umba hafi ukananyoherereza ubutumwa. Bimpa imbaraga no gukomeza. Uyu munsi wose niriwe mu nzira nsura impunzi ziri mu bice bitandukanye. Nahigiye byinshi ndetse bintera ishyaka. Narahagurutse niyemeza kwitanga kugira ngo mbashe kuba abantu hafi. Niyumvise mo ko Imana hari umugambi ifite. Ni byiza kugira uruhare mu mukino (mugambi) w'Imana.“ – **Woye kuba wenyine, ahubwo hamwe n'abandi! Not alone – but together!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker